Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Huye**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Huye buramenyesha abantu bose bujuje ibisabwa ko hari imyanya 22 y'akazi mu mirenge 11 ku mwanya w'umukozi (**Coffee proximity extension Technical Assistants '' TAs ''**) mu mushinga wa **PSAC** ugamije gusimbuza no kuvugurura ibiti bya kawa bishaje ushyirwa mu bikorwa mu bufatanye bw'Akarere ka Huye na Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB).

Abifuza gusaba aka kazi bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba nibura afite impamyabumenyi ya A2 mu buhinzi cyangwa yarize amasiyansi akaba yarahuguwe ku buhinzi bwa kawa
2. Kuba afite ubumenyi bwimbitse mu buhinzi bwa kawa
3. Kuba afite uburambe byibura bw'imyaka ibiri akorana n'abaturage mw'iyamamaza buhinzi
4. Kuba amenyereye gukorana n'abaturage
5. Kuba afite ubumenyi ku ntungagihingwa kawa ikenera ndetse n'indi mirimo yose ikorerwa kawa iri mu murima kugirango itange umusaruro
6. Kwemera kuzakorana igihe kinini n'abahinzi ba kawa mu mirima yabo
7. Kwandika no kuvuga neza icyongereza n'ikinyarwanda

Dosiye z'ibyangombwa zisaba akazi zizatangira kwakirwa kuwa gatanu tariki ya 04/04/2025 bisozwe kuwa mbere tariki ya 14/04/2025 mu bunyamabangwa bw'Akarere ka Huye mu masaha asanzwe y'akazi (09H00-17H00). Umukandida usaba ari umugore / urubyiruko ni akarusho

**Bikorewe i Huye, kuwa 03/04/2025**

Digitally signed by HUYE DISTRICT(Mayor of HUYE District)
Date: 2025.04.03 20:33:28 +03'00'

**SEBUTEGE Ange**
**Umuyobozi w'Akarere ka Huye**